

Urupapuro rw'uruhushya rwo gukora urugendoshuri

Urugendoshuri rugana _____ rurateganywa ku itariki ya

_____ na _____. Urugendo ruzaba ruzatangirira
(Itariki)

ku _____ kandi abiga mu ishuri bazagaruka ku ishuri hafi mu ma _____.
(Isaha) (Isaha)

Abanyeshuri bazakora urugendo bakoresheje: ☐ bisi y'ishuri ☐ imodoka bwite ☐ kugenda n'amaguru.

Turifuza ko umwana wawe ajya mu rugendo. Cyakora, udatanze uruhushya rwanditse ntazemererwa kwitabira. Tuzategurira umwana wawe izindi gahunda ku ishuri. Uzuza iyi fishi ikurikira maze uyigarure ku ishuri niba uhaye uruhushya umwana wawe rwo kujya muri uru rugendoshuri.

Igiciro cy'uru rugendoshuri ni \$ _____. Ingendoshuri ni ibintu by'agaciro ku banyeshuri bacu. Nta munyeshuri uzahezwa hashingiwe ku kuba nta bushobozi afite bwo kwishyura urugendo. Niba ukeneye ubufasha, bimenyeshe umwarimu wigisha umwana wawe cyangwa umuyobozi w'ishuri. Ingamba z'inama y'ubuyobozi bw'ishuri zibuza kwangira abanyeshuri kwitabira urugendoshuri hashingiwe ku kuba nta bushobozi bafite bwo kwishyura.

Kugira ngo umubyeyi/umwishingizi w'umwana aze mu rugendoshuri, agomba gutanga ubusabe bwo kuba umukorerabushake kandi akemererwa kuba umukorerabushake mu ifasi y'amashuri ya Lansing.

Uruhushya rw'umubyeyi/umwishingizi w'umwana

Mpay uruhushya rwo _____ guherekeza abiga mu ishuri mu rugendoshuri ruteganyijwe ku itariki ya _____. Tuzi ko hari ibigomba gushyirwa ku murongo kandi twizera ko ingamba za ngombwa zigomba gufatwa ndetse no gutegura gahunda yo kwita ku banyeshuri no kubakurikirana mu gihe bari muri uru rugendo bagiyemo.

Umukono w'umubyeyi/umwishingizi w'umwana

Itariki

Nomero ya terefone

Izina ry'umubyeyi mu nyuguti nkuru

☐ Ndahari kandi ndifuza guherekeza abanyeshuri muri uru rugendoshuri.

Imodoka bwite zikoreshwa mu ngendoshuri

Ibisabwa kugira ngo abanyeshuri batwarwe mu modoka bwite

Rimwe na rimwe, bishobora kuba ngombwa ko hakoreshwa abashoferi b'abakorerabushake ndetse n'imodoka bwite mu rugendoshuri. Iyo bimeze bityo, amabwiriza akurikira ni yo agomba kubahirizwa:

1. Kugabanya umubare w'abagenzi bashyizwe muri buri modoka bagakwirwa n'imikandara y'abagenzi iri muri iyo modoka. Gusaba abagenzi bose kwambara neza umukandara wo mu modoka.
2. Gukora urutonde rw'abagenzi bashyizwe muri buri modoka. Kopi imwe y'urwo rutonde ihabwa umushoferi na ho indi kopi igashyirwa muri dosiye y'ibiro bikuru.
3. Gutegura umuhanda wagenwe mbere buri modoka igomba kunyuramo mu gihe cy'urugendoshuri ndetse no gukora ku buryo buri mushoferi aba amenyereye uwo muhanda unyurwamo.
4. Gukora ku buryo buri mushoferi abona kopi y'amakuru yerekeye igihe hakenewe ubutabazi bwihutirwa.
5. Kugira inama abashoferi b'abakorerabushake kureba ubwishingizi bwabo kugira ngo bakore ku buryo baba bafite ubwishingizi bukwiye ibyago bishobora kuvuka.
6. Buri mushoferi yuzuza kandi agashyira umukono ku nyandikomvugo ikurikira ishyingirwa muri dosiye y'ibiro by'ishuri.

ICYITONDERWA:

Zirikana ko Itegeko rya leta ya Michigan kuri ubu risaba ko umubyeyi utwaye abanyeshuri mu rugendoshuri mu modoka ye bwite AGOMBA kuba afite intebe **abana bicaramo mu modoka** zifite umukandara unyura ku matako no ku rutugu kuri buri munyeshuri utageje imyaka 18 y'ubukure cyangwa utarengeje uburebure bwa 4'9".

Ndemeza ko nagenzuye kandi mfite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rudafite inenge iyo ari yo yose, # _____ kandi nkurikije uko mbizi, kuri ubu mfite _____ amanota nahawe.

Ndizera ko imodoka ndi gutwara muri uru rugendo itekanye ku buryo nayitwara nta kibazo.

Navuganye n'ikigo cy'ubwishingizi dukorana kandi mfite ubwishingizi buhagije bw'ibyago bishobora kubaho.

Umukono _____ Itariki _____